IMIHIGO

Umunyabwenge areba kure; ariko umupfapfa ntahabona ahubwo yibwira ko ari hafi!

IHAME RY' ICYUMWERU

Urugendo rw' ibirometero igihumbi rubimburirwa n' intambwe imwe. Umugambi wawe niwo musingi maze imihigo niyo mbariro zizagufasha kuzamura kubaka no kugera ku cyo wiyemeje. Icyo dukora cyose mu buzima kigomba kuba gishingiye ku imihigo. Mu gihe tudafite imihigo ntabwo tuba tugira icyerekezo mu buzima bwacu, bityo tukisanga turi munsi y' imigambi iyoborwa bandi. Ibintu ntabwo byikora. Dushobora kwifuza ibintu byiza cyane byadufasha ariko kandi ntibishoboka ko twabigeraho keretse dushyizeko akacu tugakora umugambi wa buri munsi, buri cyumweru na buri kwezi ku buryo twabigeraho.

Gukorera ku ngengamigambi ifite inshingano za buri munsi bizadufasha ku buryo bukomeye kandi bitwegereze ku mihigo yacu. Iyo hatabayeho umugambi n' umuhigo ibihe bigenda bitwi simburanaho uko byishakiye.

Tugomba kubanza tukamenya aho duhagaze (ikusanyamakuru) maze tukamenya icyo dushaka (umugambi) ndetse no kugira inzira izakugezayo. Ahanini ubuzima bwacu bushobora kwerekeza aho twifuza mu gihe dufite imihigo kandi tugakomeza kwagura umugambi wacu. Iyo dukoze umugambi ku bikorwa byacu hanyuma tukagera ku mihigo twiyemeje, turanezerwa cyane, aho rero tuba tubaye indashyikirwa. Tangira wibaze niba ibyo wakoze muri iki cyumweru ko byaba biri mu mihigo yawe, cyangwa ni ku nyungu z' bandi.

Twese tugomba kwemera no kwitabira gufasha ibitekerezo ndetse n' inzozi z' bandi, ariko mu gihe dushaka kugera ku byifuzo by' ubuzima bwacu, tugomba natwe kugira ibitekerezo n' inzozi zacu maze tugakora umugambi ku buryo ki twabigeraho.

Hatabayeho imihigo inzozi/ ibyifuzo byacu ntaho bizagera. Ariko nitugira umugambi muzima ufite umuhigo bijyanye, aho rero dukorana umwete tukagera kuri wa muhigo w' igihe gito, aho gutegereza umugambi uzamara imyaka itanu cyangwa icumi yose, dore ko usanga bizafata igihe kirekire maze bigatera gucika intege cyangwa kubihurwa. Umuhigo rero usohozwa gusa ari uko twiyemeje kuwukora.

INYUNGU

1. Ubuzima buryoshye kuko tuba twageze kuri byinshi kandi byose bikagaragarira mu bikorwa n'ibyemezo n' ibikorwa dufite.
2. Kumva ko unyuzwe kandi unafite agaciro kubera ibyo uba umaze kugeraho.
3. Kugira icyizere cy' ejo hazaza kuko tuba twamaze kwegera inzozi zacu.
4. Nyuma yo guhangana n' ingorane tuzahumurirwa n' intsinzi vuba bidatinze

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Andika ibintu ndetse n' inzozi wifuza kugeraho. Ni uko nubirangiza uzamenya niba ari inzozi cyangwa ari cyifuzo kiraho gusa.
2. Andika amafaranga / igiciro bizagufata. Suzuma igiciro, ubushobozi, n' igihe bisaba.

Inzira ni mikorere y' IMIHIGO

Ntuzibagirwe kandi igiciro cy' umubano ufitanye na bandi.

3. Usobanukirwe kandi ko hari igiciro gitangwa buri gihe kugira ngo inzozi zisohore. Rimwe na rimwe igiciro n' igitambo biba birenze uko wabitekerezaga cyangwa se uko witeguye. Mu gihe bigenze gutya, kora ikosora ku mugambi wawe hamwe n' imihigo.
4. Ihereze umwitangirizwa ku buzima bwawe. Mu gihe wandika imihigo yawe, igenere igihe runaka uzakoreramo. Mu gihe wanditse birambuye ibyo ugomba gukora mu cyumweru, ukwezi, cyangwa mu mwaka, ubwenge bwawe buzabikurikiza neza.
5. Ujye uhoza ubwenge bwawe ku mihigo. Itegeko ry' ubugenge rivuga ko icyo tubangamiyeho cyane ni nacyo kitadusanga. Guhora usuzuma imihigo yawe bizatuma ushishikazwa ni terambere ryawe.
6. Ujye wisanzura, mu gihe usuzuma cyangwa ukosora imihigo yawe.

Umuntu urasa ubusa ntajya ahusha pe! Mu gihe rero tudafite ikiturangaje ntidushobora gusuzuma imikorere yacu. Iyo wahize imihigo yawe neza n' inzira bizakorerwamo, ni ukuri uzagera aho wifuza kugera.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ni ryari wahize umuhigo maze ukawuhigura? Ese wumvise umerewe ute?
2. Ese birasaba iki kugira ngo inzozi/ ibyfuzo ufite zibe ukuri?
3. Ese wakura he umuntu wa gufasha kugera kuri izo intego mu buryo bw' imbaraga n' ibitekerezo?
4. Ni zihe inzitizi uhura nazo mu gihe utegura imihigo yawe?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			